



Uzategura urugamba rwo guharanira inzira ya Allah, nawe azaba arurwanye, n'uzasigariraho uwagiye guharanira inzira ya Allah mu byiza nawe azaba arurwanye

Hadith yaturutse kwa Zaid Ibun Khalid (Imana imwishimire) yavuze ko Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yavuze iti: "Uzategura urugamba rwo guharanira inzira ya Allah, nawe azaba arurwanye, n'uzasigariraho uwagiye guharanira inzira ya Allah mu byiza nawe azaba arurwanye."

[Hadithi y'impamo] [Yemeranyijweho na Bukhari na Muslim]

Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) iragaragaza ko umuntu ufashije ingabo igiye ku rugamba, akayorohereza kubona ibyo izakenera ku rugendo, no ku rugamba nk'intwaro, ibigenderwaho, ibyo kurya, agatanga n'ibindi bickyenerwa, nawe abarwa nk'uarurwanye ndetse nawe abona ibihembo nk'iby'abarurwanye. N'usigariyeho uwarugiyeho mu buryo bwiza, akita ku bantu be igihe adahari nawe abarwa nk'uarurwanye.

<https://sunnah.global/hadeeth/rw/show/3437>